## Incamake y'ubufasha bw'amafaranga ku buvuzi buwhutirwa butagirwa mu bitaro cyangwa ubuvuzi bwa ngombwa

Mu gihe kirenga ikinyejana, umurage w'ukwizera wa Norton Healthcare wayoboye intego yayo yo kwita ku barwayi n'abakomeretse bagize umuryango mugari wacu. Uyu murage w'ukwizera ugira uruhare kuri buri gice cy'ubuvuzi dutanga. Ibitaro bya Norton Healthcare bitanga ubuvuzi bw'ubuntu n'ubwagabanyirijwe igiciroto ku barwayi batashobora kwishyura cyangwa kwemererwa bitewe n'amafaranga binjiza, umutungo n'uko mumuryango ubayeho. Iyi ncamake ivuga muri make y'Amabwiriza yacu y'ubufasha bw'amafaranga ku buvuzi bwihutirwa butagirwa mu bitaro cyangwa ubundi buvuzi bwa ngombwa

### Ni nde wemerewe ubu bufasha bw'amafaranga?

Niba winjiza amafaranga make na/cyangwa umutungo, udafite ubwishingizi bw'ubuzima cyangwa hari amafaranga ugomba kwiyishyurira nyuma yo kuba ubwishingizi bwishyuye, ushobora kwemererwa ubuvuzi bw'ubuntu cyangwa ubuvuzi bwagabanyirijwe igiciro bwihutirwa cyangwa bwa ngombwa hashingiwe ku bigenderwaho bikurikria:

1. Udafite ubwishingizi bw'ubuzima cyangwa ukaba ufite amafaranga utarishyura nyuma y'uko ubwishingizi bwishyuye cyangwa cyangwa bwanze kwishyura; kandi
2. Utemerewe ubwishingizi buterwa inkunga cyangwa ubufasha bwa leta, nka Poorgaramu y'Amerika itera inkunga ibitaro bivura abatishoboye (Disproportionate Share Hospital (DSH)), Porogaramu y'Ubwishingizi y'Abana (Children's Health Insurance Program (CHIP)), Medicaid, Medicaid Managed Care Organization (MCO) cyangwa Hoosier Healthwise; kandi
3. Amafaranga yinjizwa n'itsinda rigize umuryango wawe angana cyangwa ari munsi ya 350 ku ijana by'Amabwiriza y'urwego rw'ubukene nk'uko agennwa n'igihugu; kandi
4. Umutungo umuryango wawe winjiza ungana cyangwa uri munsi ya 200 ku ijana by'Amabwiriza ya DSH, kandi
5. Kugir ango wemerewe ubufasha bw'Ubuvuzi butihutirwa bwa ngombwa, ugomba kuba kandi utuye muri Kentucky, Indiana, Tennessee, Ohio cyangwa Illinois. Iya mabwiriza yo kuba utuye ntakurikizwa ku buvuzi bwihutirwa.

Amabwiriza y'ubufasha bw'amafaranga ashobora no gusobanura ibindi bisabwa mu kwemererwa sewrivisi zitandukanye.

### Ni iki nzasabwa kugira ngo mvurwe?

Norton Healthcare itanga ubuvuzi bwihutirwa butangirwa mu bitaro n'ubundi buvuzi bwa ngombwa ku buntu ku barwayi bose bujuje ibisabwa kugira ngo bahabwe ubufasha bw'amafaranga hakurikijwe aya mabwiriza. Abarwayi bemerewe ubufasha bw'amafaranga ntabwo bazacibwa amafaranga arenga fagitire y'amafaranga acibwa abarwayi bafite ubwishingizi muri rusange. Aha hakubiyemo ubuvuzi butangirwa mu bitaro bya Norton Healthcare, kongeraho Norton Children's Medical Center — Brownsboro, Norton Cancer Institute, Norton Diagnostic Centers and Norton Cardiovascular Diagnostic Centers.

### Ni gute nsaba ubufasha?

Kugira ngo utange ubusabe bw'ubufasha bw'amafaranga, ugomba kuzuza ubusabe bwanditse ukanatanga inyandiko igaragaza amafarang ari kuri konti n'uko yakoreshejwe mu mezi 3 ashize kuri buri konti isanzwe na konti yo kwizigama. Unashobor akansi gutanga kopi z'umwaka ushize z'imenykanisha ry'umusoro cyangwa izindi nyandiko, nk'uko bisabwa mu Mabwiriza y'ubufasha bw'amafaranga.

### Ni gute nabona kopi z'amabwiriza agenga itangwa ry'ubufasha bw'amafaranga n'ubusabe?

Inyandiko za Norton Healthcare z'Ubufasha bw'amafaranga n'ubusabe biboneka ku buntu kuri www.NortonHealthcare.com/FAP no mu biro bitanga inama ku gukoresha amafaranga neza by'ibitaro bya Norton Healthcare n'amashami ashinzwe kwita ku ndembe. Cyangwa wahamagara serivisi yo kwita ku bakiriya kuri (502) 479-6300 ugasaba ko wohererezwa aya makuru ku buntu.

### Ni gute namenya byinshi ku Mabwiriza agenga itangwa ry'ubufasha bw'amafaranga nkabona n'bufasha mu gutanga ubusabe?

Kugira ngo umenye byinshi ku Mabwiriza agenga ubuafsha bw'amafaranga n'igikorwa cyo gutanga ubusabe, bimeneyshe umujyanama mu gukoresha amafaranga neza uri ku bitaro byacu ibyo ari byo byose, cyangwa uhamagare Serivisi yo kwita ku bakiriya kuri 502-479-6300.

### Byagend abite ntemerewe ubufsah hakurikijwe aya mabwiriza?

Niba utujue ibisabwa kugira ngo wemererwe n'Amabwiriza yacu agenga ubufasha bw'amafaranga akurikizwa ku buvuzi bwihutirwa cyangwa ubundi buvuzi bwa ngombwa, cyangwa ukaba uri gushaka ubufasha bw'ubuvuzi butihutirwa cyangwa ubuvuzi bwa ngombwa, ushobora kwemererwa kugabanyirizwa biciye muri porogaramu y'ubufasha itandukanye niba nta bwishingizi ufite. Hamagara serivisi yo kwita ku bakiriya kuri (502) 479-6300 umenye ibindi.

*Amabwiriza agenga itangwa ry'ubufasha bw'amafaranga n'ubusabe, iyi ncamake y'amabwiriza, n'izindi nyandiko biftanye isano biboneka mu Cyesipanolo, Igiseribe n'Igikorowate, Ikinyaviyetinamu n'Icyarbu.*